
GUHISHURIRWA NO GUHUMEKERWA



Icyigisho cya 5
cyo ku wa 31
Ukwakira 2026

“Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma marayika we na we akabimenyesha imbata ye Yohana, uhamya ibyo yabonye byose, ari ijambo ry’Imana no guhamya kwa Yesu Kristo”
(Ibyahishuwe 1:1–2)



Ibyahishuwe 1:1-2 birimo urugero rw'uburyo Imana iduhishurira ubutumwa bwayo binyuze ku muhanuzi:

Imana ihishurira Yesu ubutumwa bwayo → Yesu ahishurira ubwo butumwa marayika → Marayika ahishurira ubwo butumwa umuhanuzi Yohana → Yohana yandika ubutumwa yakiriye




Ariko iyi si yo nzira yonyine Imana yiyeretsemo abahanuzi, kandi si na yo nzira yonyine ubutumwa bw'Imana bwatangiwemo binyuze muri bo. Turiga uburyo butanri bumwe Imana yihishuriyemo abahanuzi ikanabahumekera.



- **Guhishurirwa no guhumekerwa :**
  - Ihishurwa rusange n'ihishurwa ryihariye
  - Inzira yo guhumekerwa
- **Amoko y'ubutumwa bwa gihanuzi :**
  - Ubutumwa butanzwe mu mvugo
  - Ubutumwa bwanditse
  - Ikinankuru, ibimenyetso, imigani



GUHISHURIRWA NO GUHUMEKERWA



IHISHURWA RUSANGE N'IHISHURWA RYIHARIYE

"Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, Isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo" (Zaburi ya 19:1)


"Niba muri mwe hazabamo umuhanuzi, mu iyerekwa ni ho Uwiteka nzamwimenyeshereza, mu nzozi ni ho nzavuganira na we" (Kubara 12:6)



Pawulo avuga ko abahakana ko Imana ibaho "badafite icyo kwireguza," kuko "ibitaboneka byayo bigaragara neza uhereye ku kuremwa kw'isi, [...] ndetse n'ububasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo" (Abaroma 1:20; Zaburi ya 19:1).

Dushobora kubona uburyo Imana yari yarabonye mbere ko icyaha kizaza, urebeye mu bushobozi bwo kwisana yashyize mu biremwa bifite ubuzima. Iyo dukomeretse, habaho uburyo bwihariye bufuma igikomere kandi bugasana ingingo y'umubiri. Kandi ubwo buryo buba buhari na mbere y'uko icyo gikomere kibaho!

Ariko ibyaremwe, uhereye ku kugwa kwa Adamu na Eva, nabyo bigaragaza ingaruka z'icyaha (guhīga, ibishyitsi by'isi,...)



Kubw'ibyo, Imana yakoresheje uburyo butaziguye kugira ngo itwimenyeshe: ihishurwa ryihariye binyuze mu bahanuzi na Yesu Kristo, nk'uko byanditswe mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya (Abaheburayo 1:1–2).



INZIRA YO GUHUMEKERWA

"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka" (2 Timoteyo 3:16)



Mu gihe cy'ibinyejana byinshi, imirimo y'Imana n'ubutumwa bwayo byagiye bitangazwa binyuze mu magambo, kugeza ubwo Imana yahumekeye Mose ngo yandike iyo mirimo n'ayo magambo.



Kuva ubwo, ubutumwa Imana yashakaga kubungabunga bwanditswe n'abantu "bahumekewe," ni ukuvuga abayobowe n'Umwuka Wera (2 Petero 1:21). Ibi bituma Bibiliya iba igitabo cyihariye, kirimo ihishurwa ry'Imana ryuzuye.

Ese ubu buryo bwo guhumekerwa bwari buteye gute?



Binyuze mu iyerekwa n'inzozi (Kubara 12:6)



Binyuze mu byo umuntu ubwe yanyuzemo (1 Yohana 1:3)



Binyuze mu bushakashatsi ku byabaye mu mateka (Luka 1:3)



Binyuze mu gushorerwa n'Imana (2 Petero 1:21)








AMOKO Y'UBUTUMWA BWA GIHANUZI

UBUTUMWA BUTANZWE MU MVUGO

"Kandi ashyira Abalewi mu nzu y'Uwiteka bafite ibyuma bivuga na nebelu n'inanga, nk'uko byategetswe na Dawidi na Gadi bamenya w'umwami na Natani w'umuhanuzi, kuko itegeko ryavuye ku Uwiteka rivugwa n'abahanuzi be."
(2 Ngoma 29:25)

Imana yavuganye n'abantu imbonankubone ibihe bine :



Ivugana na Adamu na Eva (Itangiriro 2:16–17)



Igihe yatangaga amategeko cumi (Gutegeka 4:12)




Igihe cy'umubatizo wa Yesu (Matayo 3:17)



Igihe Yesu yarabagiranaga (Mariko 9:7)

Ku ruhande rw'abahanuzi, mu mvugo bagezaga ku bandi amagambo bahawe n'Imana, bakavuga beruye bati: "Ni ko Uwiteka avuze" (Abacamanza 6:8). Nk'uko byagenze mu bihe bya Nowa, ntabwo buri gihe ubwo butumwa bwabaga buri mu nyandiko.



Amagambo y'abahanuzi batari bake twayamenye gusa binyuze mu byanditswe n'abandi, nyamara bari bafite ububasha bungana n'ubw'abo ubutumwa bwabo bwashyizwe mu nyandiko. Muri bo harimo Natani, Eliya, Elisha na Yohana Umubatiza.





UBUTUMWA BWANDITSE

"Uwiteka abwira Mose ati 'Andika ibi mu gitabo bibe urwibutso' " (Kuva 17:14a)

Ni izihe zimwe mu mpamvu zatumye Imana ihitamo gushyira ubutumwa bwayo mu nyandiko?

- Kugira ngo twibuke ibyabaye (Kuva 17:14)
- Kugira ngo bitwigishe (Umubwiriza 12:10)
- Kugira ngo biturarikire kwihana (Yeremiya 36:2–3)
- Akabarore ko gukurikiza cyangwa kwirinda (1 Abakorinto 10:11)
- Kugira ngo tumenye iby'ahazaza (Ibyahishuwe 1:19)



Muri Bibiliya, abahanuzi bagaragaje ibyiyumvo bya kimuntu byabo, ndetse n'iby'abandi. Bibiliya irimo imivugo, inkuru z'amateka, n'ibibwiriza byanditse. Hamwe na hamwe yanditswemo amagambo yavuzwe n'abanditsi batari abanditsi ba Bibiliya, cyangwa amategeko y'abami b'abapagani.

Ariko, nta nzego zo guhumekwa ziri muri Bibiliya. Byaba ibyanditswe ku bibwiriza, ibyadutse, cyangwa ubuhanuzi, byose byahumetswe n'Imana kandi bidushyikiriza ubutumwa bwayo mu buryo bwizewe uko ibihe bihaye ibindi (2 Timoteyo 3:16–17).

IKINANKURU, IBIMENYETSO, IMIGANI

"Ariko ni jye Uwiteka Imana yawe, uhereye igihe waviriye mu gihugu cya Egiputa, nzongera gutuma uba mu mahema nko mu minsi y'ibirori byera"
(Hoseya 12:10)



IKINANKURU





Usibye inkuru z'amateka, imvugo z'imigani, ibisigo, cyangwa amagambo y'abayobozi, Bibiliya inakubiyemo ubutumwa bwinshi bwatanzwe binyuze mu ikinankuru, ibimenyetso, n'imigani.

Ezekiyeli 4:1–8. Imana yasabye Ezekiyeli gukora icyitegererezo cya Yerusalemu, mu kugaragaza igihe uwo murwa wajyaga kuzaba ugoswe, no kugwa kwawo.



Hoseya 1:2–9. Imana yategetse Hoseya gushaka umugore wa maraya, kugira ngo bigaragaze kutaba indahemuka kwa Isirayeli.

1 Abami 20:37–42. Umuhanuzi asaba undi kumukubita, maze akigira nk'uwakomerekeye ku rugerero, ngo acyahire Ahabu icyaha cye.





Yeremiya 13:1–11. Yeremiya ategetswe n'Imana, yaguze umushumi arawuhisha. Nyuma, Imana yamubwiye kuwugarura, kugira ngo agaragaze kononekara kw'imicombonera y'i Yerusalemu.

IKINANKURU, IBIMENYETSO, IMIGANI

IBIMENYETSO





Kuva 25:8. Abatambyi, ubuturo bwera, n'imirimo yo muri bwo, ni ibimenyetso bisobanura aka na kariya mu Nama y'Agakiza.

Ibyahishuwe 13:2. Daniyeli n'Ibyahishuwe bikoresha ibimenyetso (inyamaswa, amahembe, ...) mu kugaragaza ibyabayeho mu mateka.

Yohana 15:1. Yesu yakoresheje ibimenyetso kugira ngo asobanure ubutumwa Bwe: umucyo, umuzabibu, n'umwungeri mwiza ...







IMIGANI

Yesaya 5:1–7. Abahanuzi bakoreshaga imigani kugira ngo bararikire abantu gutekereza ku miterere yabo yo mu bya mwuka.

Matayo 13:5. Yesu yakoresheje imigani kenshi cyane kugira ngo yigishe ukuri kw'ibya mwuka.

“Bibiliya itugaragariza ukuri icyo ari cyo mu buryo butaruhije, buhura rwose n’iby’umutima w’umuntu ukennye. Bibiliya yatangaje abanyabyenge buhebuje, kandi n’umuswa na we ntananirwa gushishozamo inzira y’agakiza. […] Nuko rero, muri ubwo buryo, Imana yaduhishuriye inama y’agakiza, kugira ngo umuntu wese abone intambwe akwiriye gutera, kugira ngo yiyunge n’Imana, kubwo kwizera Umwami wacu Yesu Kristo, maze abone agakiza mu buryo bwateguwe n’Imana. […] Uko arushaho gushakashaka muri Bibiliya, ni ko arushaho kwēmezwa ko ari yo Jambo ry’Imana ihoraho, maze ubwenge bwe bukicisha bugufi imbere y’ubutware buheranije bw’ibyahishuwe n’Imana.”

E.G. White, *Kugana Yesu*, pp. 53–54

UMUGEREKA: GUHISHURIRWA NO GUHUMEKERWA KWA ELINA G. WHITE



Elina White yhumekewe n'Imana. Ibyo yanditse, imibereho ye, n'umurimo we, bigaragaza ko yari umuhanuzi w'ukuri. Guhumekerwa kwe kwari nk'ukw'abahanuzi bo muri Bibiliya, nubwo atigeze atekereza ko ibyo yanditse bingana n'Ibyanditswe Byera. Yafataga Bibiliya nk'ihishurwa ry'Imana rifite ububasha buheranije kandi budashobora kwibeshya.

Yemeraga ko uburyo bwo guhumekwa n'Imana bwari burimo gukorana kw'Imana n'umuntu. Imana yatangaga ubutumwa bwayo, hanyuma umuhanuzi akabugeza ku bandi akoresheje amagambo ye bwite. Yabonaga ko guhumekerwa kw'ibitekerezo by'umuntu ari ihuriro ry'ibyo Imana yahishuye n'ibyabaye kuri uwo muntu.



Yasobanuye ko ibyamubayeho byose n'ibyo yavuganaga n'abantu byose atari ko byose byabaga byahumetswe n'Imana. Ni ingenzi kuzirikana iri tandukaniro mu gihe usoma kandi ugakoresha inyandiko ze n'ibyo yanyuzemo, cyane cyane kubo yandikiraga n'aho yabanzaga kwandika ubutumwa bwe mbere y'uko abwandika neza.



